**REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'IBIKORWA REMEZO**
**P.O BOX 24 KIGALI**
**E-mail: info@mininfra.gov.rw**

# ITANGAZO

Mu rwego rwo gukomeza korohereza abakora ubwikorezi bwambukiranya imipaka, Minisiteri y'Ibikorwaremezo iramenyesha abafite amakamyo akora ubwikorezi mpuzamahanga/abakora akazi k'ubwikorezi bw'ibicuruzwa, abatumiza ibicuruzwa mu mahanga na ba nyirububiko bw'ibicuruzwa bifuza kujya bakora ingendo zijyanye no kuvana ibicuruzwa byabo ku mipaka ya Rusumo na Kagitumba, ko bagomba kwiyandikisha kugira ngo boroherezwe mu ngendo.

Kwiyandikisha bikorerwa ku cyicaro cya Minisiteri y'Ibikorwaremezo iherereye ku Kimihurura. Kwiyandikisha bishobora kandi gukorwa binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga kuri email:cargotracking@mininfra.gov.rw ku minsi n'amasaha bikurikira:

- Ku cyumweru tariki ya 10 Gicurasi 2020 kuva saa moya za mugitondo (07:00) kugeza saa kumi n'ebyiri za nimugoroba (18:00);

- Ku wa mbere tariki ya 11 Gicurasi 2020 kuva saa moya za mugitondo (07:00) kugeza saa sita z'amanywa (12:00).

Ku bifuza ibindi bisobanuro bahamagara ku murongo utishyurwa 4287 /0788387125 cyangwa ku rubuga nkoranyambaga rwa WhatsApp kuri nomero +250 788 884 431/+ 250 788 698 556.

Bikorewe i Kigali, ku wa 9 Gicurasi 2020.

MINISTRY OF INFRASTRUCTURE

**Minisiteri y'Ibikorwaremezo**